Identification	:	**764 5-1-94**
Duration	:	**60 min.**
Quality	:	**Not Good, but on Face A: 13.9-21.5, worst.**
Transmission	:	**RR**
Name of transcriber	:	**MUTETELI Pénine-Joie**
Name of file	:	**764rr. wpd**
Date of transcription	:	**31/1/2000**
Dictaphone	:	**ExpressWriter Model 2750-6SN516525-53**

FACE A

Orateur : SIBOMANA Aimable, journaliste de Radio Rwanda. 00min01sec

...ze kurahira...

(Indicatif du journal parlé kinyarwanda)

Orateur : UWIHOREYE Emmanuel, journaliste de Radio Rwanda.

Ncuti muteze amatwi Radiyo Rwanda mwiriwe? Ni isaha y'amakuru mu kinyarwanda mugiye kugezwaho,

Orateur : KAGINA Jules-Maurice, journaliste de Radio Rwanda

Na KAGINA Jules-Maurice.

Orateur : UWIHOREYE Emmanuel, journaliste de Radio Rwanda.

Na Emmanuel UWIHOREYE. Jules-Maurice KAGINA abanje kubagezaho ingingo z'ingenzi ziyagize.

Orateur : KAGINA Jules-Maurice, journaliste de Radio Rwanda.

- Kuva uyu munsi tariki ya gatanu Mutarama igihumbi kimwe magana cyenda mirongo icyenda na kane guhera saa yine n'igice z'amanywa, twinjiye mu butegetsi bw'Inzibacyuho yaguye ubwo Président wa Repubulika Jenerali Majoro HABYALIMANA Yuvenali yarahiraga hakurikijwe ingingo ya gatandatu y'amasezerano y'Arusha. Uyu munsi i saa cyenda hateganyijwe irahira ry'abagize Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho no gutora Bureau izabayobora.

Président wa Zaïre Maréchal MOBUTU SESE SEKO... (intermède musical) **00min08sec**

Orateur : UWIHOREYE Emmanuel, journaliste de Radio Rwanda. 01min00sec

Nk'uko Jules-Maurice KAGINA amaze kubibabwira mu ngingo z'ingenzi, kuva uyu munsi tariki ya gatanu Mutarama igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda n'ine i saa yine n'igice z'amanywa twinjiye mu butegetsi bw'Inzibacyuho yaguye. Nk'uko byasobanuwe na Président w'Urukiko rurinda Iremezo n'Ubusugire bw'Itegeko Nshinga KAVARUGANDA Yozefu, twinjiranye mu Nzibacyuho yaguye n'irahira rya Président wa Repubulika Jenerali Majoro HABYALIMANA Yuvenali, ee... yakoze uyu munsi kuri iyo saha ya saa yine n'igice hakurikijwe ingingo ya gatandatu y'amategeko y'amasezerano y'amahoro yasinywe Arusha muri Tanzaniya (Tanzanie) ku wa kane Kanama umwaka ushize w'igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda n'itatu.

Président wa Repubulika Jenerali MajoroHABYALIMANA Yuvenali yarahiriye imbere y'abagize Urukiko rurinda Iremezo n'Ubusugire bw'Itegeko Nshinga mu ngoro y'ahahoze hakorerwamo Inama y'igihugu Iharanira Amajyambere, CND, hari n'abanyacyubahiro benshi barimo intumwa yihariye y'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye Docteur Jacques Roger BOOH BOOH, Président w'Inama y'igihugu Iharanira Amajyambere Docteur SINDIKUBWABO Théodore, Ministre w'Intebe wa Guverinoma iriho ubu Madamu UWILINGIYIMANA Agata, Ministre w'Intebe uzayobora Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye TWAGIRAMUNGU Fawustini, abakandida Depite mu Nteko izashinga Amategeko mu gihe cy'Inzibacyuho yaguye n'abahagarariye mu Rwanda ibihugu byabo.

Président wa Repubulika Jenerali Majoro HABYALIMANA Yuvenali, yarahiye mu rurimi rw'igifaransa indahiro isobanura mu kinyarwanda uko tugiye kugezwaho na Président w'Urukiko rurinda Iremezo n'Ubusugire bw'Itegeko Nshinga KAVARUGANDA Yozefu.

Orateur : KAVARUGANDA Joseph, président de la Cour constitutionnelle.

Iyo ndahiro igenewe Président w'Inzibacyuho yaguye, nyir'ukuyi... nyir'ukuyiyemeza ari buvuge...

ari buvuge ko we, mu izina ry'Imana ishobora byose arahiriye igihugu kandi ku mugaragaro ko azatunganya neza imirimo ye, ko atazahemukira Repubulika y'u Rwanda, ko azubaha inzego za Leta kandi agateza imbere inyungu z'igihugu yubahiriza Itegeko... Itegeko Nshingiro ndetse n'andi mategeko. Ngiyo indahiro y'Umukuru w'igihugu w'iyi Nzibacyuho tugiye gutangira. Araza kuyivuga mu magambo y'i... y'igifaransa kuko arahiye mu magambo y'ikinyarwanda atara... ataremejwe Arusha hari ababike... hari ababikeka ko ngo byaba bitameze neza, bidakurikije amategeko.

Orateur : UWIHOREYE Emmanuel, journaliste de Radio Rwanda. 03min04sec

Abadepite bagomba kugira Inteko izashinga Amategeko mu Nzibacyuho yaguye bo barahira.. uyu munsi saa cyenda nyuma ya saa sita. Nyuma y'irahira rya Président wa Repubulika abanyamakuru begereye Ministre w'Intebe wa Guverinoma iriho ubu Madamu UWILINGIYIMANA Agata bamubaza niba nta ntambara itangiye hagati ye na Président wa Repubulika, asubiza muri aya magambo.

Orateur : UWILINGIYIMANA Agathe, premier ministre.

- Nta ntambara ishobora kuvuka hagati yanjye na Président wa Repubulika, ntibishoboka. Iyo ntambara se yazarwanwa ite? Ntayo.

(Premier ministre UWILINGIYIMANA Agata arakomeza asubiza ibibazo by'aba banyamakuru bakurikira:
(NSENGIYUMVA Jean-François, KAYIBANDA Louise, NTAKAZAYIMARA Hamada, BICAMUMPAKA Hyacinthe, BASIGAYABO Pascal)

Orateur : NSENGIYUMVA Jean-François, journaliste de Radio Rwanda.

- Ariko yavuze ko ejo mwari mwumvikanye muri audience yabahaye.
- Twumvikanye bivuga iki? Mumubaze communiqué conjoint twasinye aho iri.

Orateur : KAYIBANDA Louise, journaliste de Radio Rwanda. 04min01sec

- Muravuze ngo kuri mwebwe iyo gahunda murayikomeza. Ni ukuvuga ko "Abaministre" ubu bagiye... nako Abadepite bagiye kurahira nubwo Président wa Repubulika yaba agiye?
- Président wa Repubulika se si we ubarahiza? Turamutegereje ko abarahiza. Kandi yubahirije gahunda yahawe na Guverinoma kuko niba yaranditse ati Premier ministre nashyireho gahunda igashyirwaho, nta mpamvu zumvikana ukuntu yasubiye inyuma iyo gahunda akayihindura. Ese ubundi kuki mutamubaza inzego... urundi rwego rugomba kujyaho azarushyiraho rwe... azaruhwe... rushyiraho ryari? Mwe ariko mwamubajije, njye simbona icyo mumbaza. Njyewe nshinzwe kureba niba ibyangombwa byuzuye kugira ngo inzego zose z'Inzibacyuho zijyeho, ni zo rero nashyize kuri gahunda.

Orateur : NTAKAZAYIMARA Hamada, journaliste de Radio Rwanda et TVR.

- Nyakubahwa Ministre w'Intebe, ubu ngubu Président wa Repubulika amaze kugenda, ee... gahunda amaze gutanga mwebwe muri buyubahirize? 05min00sec
- Birumvikana ko iyo gahunda zidahuye ari ebyiri, icyo gihe ngomba kureba iyo nubahiriza iyo ari yo.
- Ifite agaciro se kuri mwebwe ni iyihe?
- Ni iyatanzwe na Guverinoma.

Orateur : BICAMUMPAKA Hyacinthe, journaliste de Radio Rwanda.

- E... nagira ngo mbabaze Madame Premier ministre, kuva igihe mubonaniye na Président wa Repubulika hari inama ya Guverinoma yigeze iterana?
- Ngo yige iki? Bakubwiye ko iyo nama ya Guverinoma yakwiga iki?
- Yige gahunda nk'uko iri bugende uyu munsi.
- Wateranya "Abaministre" bo kugira ngo bige ngo saa moya, saa mbiri, eh, ako ni gasuzuguro...

Orateur BASIGAYABO Pascal, journaliste de Radio Rwanda.

- Madame Premier ministre,...

- ...ibyo ntibishoboka.

-... e... ko mbona mu by'ukuri mutavuga rumwe na Président wa Repubulika ndetse ugasanga harimo n'agasuzuguro, nk'ubu...

- Mundeke, mundeke ibyo bibazo mubaza. Mwagombye kumubaza ari hano akababwira ibya gahunda ye njye nababwiye ibyanjye. (Un bref silence) (Intermède musical)

Orateur : UWIHOREYE Emmanuel, journaliste de Radio Rwanda.

... biyemeje kunyuranya na gahunda yagenwe na Ministre w'Intebe wa Guverinoma iriho ubu, abisabwe na Président wa Repubulika ubwe ku byerekeye imihango yo gushyiraho inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho nk'uko yari iteganyijwe kuri uyu... yari iteganyijwe kuri uyu munsi tariki ya gatanu Mutarama uyu mwaka. Amaze kubona ko Perezidansi ya Repubulika yihaye kuyobora protocole y'iyo mihango kandi ngo ubusanzwe ubwo bubasha amategeko abugenera protocole ya Leta igengwa na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, amaze kubona ko ngo abasirikare barinda Président wa Repubulika bihaye kwambura bamwe mu Badepite bagombaga kurahira, amakarita abatumira mu mihango, amashyaka MDR, PSD, PDC na PL afashe icyemezo cyo kutohereza Abadepite bayo mu mihango Président wa Repubulika ateganya kuyobora saa cyenda z'uyu munsi tariki ya gatanu Mutarama uyu mwaka, kubera ko ngo iyo mikorere ya Président wa Repubulika ishingiye ku gitugu, kandi ikaba inyuranyije n'ibikubiye mu masezerano y'amahoro Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho umukono yo n'Umutwe wa FPR-Inkotanyi tariki ya kane Kanama umwaka ushize w'igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda n'itatu.

07min04sec

Byongeye kandi ngo inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho zigomba kugiraho rimwe, kugira ngo zibone uko zuzuzanya mu gukemura ibibazo bikomeye byugarije u Rwanda muri ibi bihe. Ni yo mpamvu ngo amashyaka MDR, PSD, PDC na PL atemera kujya mu mihango yo kurahiza Abadepite gusa hirengagijwe ishyirwaho rya Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye na yo itegerejwe

n'Abanyarwanda ku buryo bwihutirwa.

07min08sec

Amashyaka MDR, PSD, PDC na PL ngo asabye amashyaka MDR, PSD, PDC, na PL... asabye Abanyarwanda bose n'incuti z'u Rwanda kuyafasha ngo kumvisha Président wa Repubulika ko agomba gushyira mu gaciro akareka kubangamira ishyirwaho ry'inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye.

08min02sec

Abashyize umukono kuri iri tangazo ni abahagarariye amashyaka:

- MDR ni TWAGIRAMUNGU Fawustini mbona.
- Ni NZAMURAMBAHO Frederiko wahagarariye PSD.
- Uhagarariye PDC ni NAYINZIRA Yohani Nepomuseni.
- Naho uhagarariye PL ni NDASINGWA Landuwaridi.

Amakuru twabateguriye arangiriye aha ngaha. Tubibutse gusa ko kuva uyu munsi tariki ya gatanu Mutarama umwaka w'igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda n'ine saa yine n'igice z'amanywa, twinjiye mu butegetsi bw'Inzibacyuho yaguye. Twabwinjiranyemo n'irahira rya Président wa Repubulika Jenerali Majoro HABYALIMANA Yuvenali yakoze uyu munsi kuri iyo saha ya saa yine n'igice, hakurikijwe ingingo ya gatandatu y'amategeko y'amasezerano y'amahoro yashyizweho umukono Arusha muri Tanzaniya (Tanzanie), ku wa kane Kanama umwaka w'igihumbi kimwe magana cyenda mirongo n'itatu.

Murakoze rero kuba mwaduteze amatwi. Ubu ngubu ni i saa saba n'umunota umwe, andi makuru muraza kuyumva i saa moya nimugoroba. Mwirirwe. (Indicatif du journal parlé kinyarwanda)

09min04sec

Orateur : MURUTAMPUNZI Boniface, journaliste de Radio Rwanda.

Bonjour à tous. Bienvenus à l'écoute de cette édition dont nous voyons tout d'abord les titres.
- Le Rwanda est entré aujourd'hui dans la grande transition élargie au FPR. C'est le président de la République qui a donné le coup d'envoi à cette transition en prêtant serment devant la Cour constitutionnelle. Une autre institution de la transition doit être investie cet après-midi par le chef

de l'Etat, c'est-à-dire l'Assemblée nationale de transition. Le che... (Intermède musical) .

09min08sec

Le détail de ces informations à présent. Le Rwanda est entré donc aujourd'hui dans la grande transition élargie au FPR, une transition qui doit durer 22 mois. Le coup d'envoi à été donné ce matin à 10 heures 30 précises par le président de la République Juvénal HABYALIMANA qui a prêté serment solennellement e... devant le drapeau national et devant la Cour constitutionnelle. Nous avons donc désormais la première institution de la transition. Voici le serment du président Juvénal HABYALIMANA.

Orateur : HABYALIMANA Juvénal, président de la République rwandaise.

Moi, HABYALIMANA Juvénal, au nom du Dieu tout puissant, je jure solennellement à la nation de remplir loyalement mes fonctions, de garder fidélité à la République rwandaise, de respecter les instructions de l'Etat et de promouvoir les intérêts du peuple rwandais, dans le respect de la loi fondamentale et des autres lois. (Acclamations et applaudissements)

Orateur : MURUTAMPUNZI Boniface, journaliste de Radio Rwanda.

Plusieurs personnalités ont assisté à cette cérémonie. E... outre le président et les conseillers près la Cour constitutionnelle, on a noté la présence du représentant spécial du secrétaire général de l'ONU pour le Rwanda le docteur Jacques Roger BOOH BOOH, du corps diplomatique et consulaire accrédité à Kigali, des ministres du gouvernement sortant et députés e...de la future Assemblée nationale de transition, mais aussi des représentants des forces morales et politiques du pays. La sécurité a été assurée par les Forces de la MINUAR avec la collaboration de certains éléments de l'armée rwandaise et du FPR.

11min04sec

Après avoir prêté le serment, le chef de l'Etat e... doit recevoir le serment des députés de l'Assemblée nationale de transition cet après-midi à 15 heures et conformément au programme arrêté de commun accord hier à 18 heures au cours de l'audience accordée au premier ministre Agathe UWILINGIYIMANA. Ecoutez le chef de l'Etat.

Orateur : HABYALIMANA Juvénal, président de la République rwandaise.

11min08sec

La cérémonie de... prestation de serment par le président de la République telle qu'elle était prévue ce matin est ainsi clôturée, il reste encore pour aujourd'hui la cérémonie de prestation de serment des députés à l'Assemblée nationale de transition. Et comme je l'ai communiqué à madame le premier ministre, et comme nous nous sommes convenus hier dans l'audience que je lui ai accordée vers 18 heures dans mon bureau, cette cérémonie sera passée dans l'après-midi à 15 heures. Je vous invite donc pour cet après-midi à 15 heures dans la même salle ici, où je vais, tel que prévu par les accords d'Arusha, je vais recevoir le serment des députés à l'Assemblée nationale de transition tels que présentés par les partis politiques et aussi procéder à l'élection du bureau. Je vous remercie. (Acclamation)

Orateur : MURUTAMPUNZI Boniface, journaliste de Radio Rwanda.

Nous venons par ailleurs de recevoir à l'instant un communiqué signé:
- Faustin TWAGIRAMUNGU pour le MDR.
- Frédéric NZAMURAMBAHO pour PSD.
- Hnun... ee... Jean-Népomuscène NAYINZIRA pour le PDC.
- Et Landouard NDASINGWA pour la PL.

Un communiqué qui appelle les députés issus de ces différentes formations politiques à ne pas se rendre au palais e... de l'Assemblée nationale de transition pour le prostas... pour la prestation de serment.

Il est à rappeler aussi que c'est effectivement aujourd'hui que le conseil de sécurité de l'ONU doit en principe examiner le premier rapport sur le processus de mise en p... n...application de l'accord de paix d'Arusha, le rapport doit être élaboré e... par le représentant spécial du secrétaire général de l'ONU pour le Rwanda, et le conseil de sécurité devra e... décider si 90 jours après l'adoption de la résolution 872, les Nations unies maintiendront ou pas leur mission d'assistance au Rwanda. (Intermède musical)

Orateur : SIBOMANA Aimable, journaliste de Radio Rwanda. 13min09sec

Allô! Ubwo ababishinzwe barakomeza batubwira gahunda igiye gukurikiraho.

Orateur : RUGILILIZA Ephrem, journaliste de Radio Rwanda.

E... merci Aimable SIBOMANA. Auditeurs de Radio Rwanda nous apprenons que le représentant spécial du secrétaire général des Nations unies Jacques Roger BOOH BOOH et le chef de l'Etat Juvénal HABYALIMANA viennent d'entrer dans la salle. (Inaudible) et dont nous vous ferons part également demain. (Acclamation)

Orateur : NGEREJAHO Jean-Baptiste, journaliste de Radio Rwanda.

Now dear listeners, the president of Republic general HABYALIMANA is here, with the... the UN representant secretary general in Rwanda, doctor Jacques Roger BOOH BOOH. We see that the Republic (inaudible) the ceremony (inaudible).

Orateur : MUKAMANA Anastasie, journaliste de Radio Rwanda.

Naamu, wasikilizaji wapenzi, Raisi HABYALIMANA pamoja na mjumbe wa (inaudible) wa mataifa Jacques Roger BOOH BOOH tayari wanaingiya katika ukunde wa mukutano.

Orateur : HABYALIMANA Juvénal, président de la République rwandaise.

Excellences mesdames et messieurs, je vous remercie de tout coeur d'avoir répondu à mon invitation. Je vous remercie d'être là. Comme je vous avais convié ce matin à cette cérémonie et spécialement que j'avais invité les premiers concernés, mais je constate comme vous 2 choses, je constate que le président de la Cour constitutionnelle n'est pas là. Et je voudrais rappeler l'article 7, l'article 7 du protocole d'accord sur les questions diverses et dispositions finales, l'article 7 qui dit à son avant dernier alinéa que "les députés à l'Assemblée nationale de transition prêtent

serment devant le président de la République en présence du président de la Cour... de la Cour constitutionnelle". Cette disposition est... puisque le président de la Cour constitutionnelle n'est pas là, c'est de sour... cette disposition ne peut pas être remplie.

Je constate aussi en second point e... que.. aucun député du FPR n'est présent, ceux qui m'ont... ceux que j'ai... à qui j'ai demandé de contrôler les présences m'ont signalé cela, qu'aucun député du Front patriotique rwandais n'est présent dans la salle et qu'aucun député du Parti social démocrate, PSD, n'est présent. Cela s'ajoute aux motifs que je viens d'invoquer.., de l'absence du président de la Cour constitutionnelle, pour vous dire que.. il est de mon devoir d'ajourner cette séance mais que je suis prêt à la reprendre aussitôt que les concernés seront là, c'est-à-dire les députés... les députés qui doivent prêter serment, et que les autorités visées à l'article 7 se seront rendues disponibles e... pour remplir le devoir qui leur incombe. Voilà donc j'ajourne cette séance.

18min01sec

Je voudrais vous remercier à nouveau d'être là, je voudrais vous remercier de vous être dérangés, surtout je voudrais lan... lancer un... un appel spécialement à ces partis qui ne sont pas présents, mais aussi à la Communauté internationale s...principalement à nous... à nos amis qui nous ont accompagné à Arusha pendant une année... et plus... plus d'une année pour négocier cet accord de paix pour que réellement chacun fasse un effort réel et visible, et que la Communauté internationale puisse nous aider pour que le Rwanda puisse mettre en place les institutions de transition telles que... telles que prévues par l'accord d'Arusha. C'est-à-dire l'Assemblée nationale de transition d'abord, et le gouvernement de transition à base élargie ensuite.

Avec mes remerciements je vous souhaite une bonne soirée. Cette séance est donc ajournée pour les motifs que j'ai évoqués et je suis prêt à la reprendre dès que les difficultés que nous avons rencontré aujourd'hui, que nous constatons ce soir, que ces difficultés se seront aplanies. Merci infiniment. (Applaudissement)

Orateur : SIBOMANA Aimable, journaliste de Radio Rwanda.

Ncuti muduteze amatwi rero mumaze kubyumva ariko abumva... abatumva igifaransa

nabibabwira mu kinyarwanda. Président wa Repubulika..., ubu ngubu bibaye i saa kumi hafi n'umunota umwe, Président wa Repubulika rero amaze kwinjira hano nk'uko na... twabibabwiye ariko ntashoboye ku... kuyobora wa muhango wo kurahiza Abadepite bagize Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho. Avuze rero impamvu ko ari iyi ngiyi, avuze ko impamvu ari uko ee... Président w'Urukiko rurinda Iremezo ry'Itegeko Nshinga ataje, ataje kandi ubundi biteganyijwe mu masezerano yuko ee... Abadepite barahirira imbere ya Président wa Repubulika hari na Président w'Urukiko rurinda Iremezo ry'Itegeko Nshinga. Hari n'Abadepite badahari, avuzemo ko nk'aba FPR bataje ko ntabarimo, avuga ko nk'aba PSD na bo bataje, ishyaka PSD na bo bataje.

Hanyuma rero aba... abwira abari aha yuko ahisemo guhagarika... gusubika uwo muhango ariko akaba yiteguye ko mu gihe ayo mashyaka ataje... igihe abo bataje bazabonekera azi... azaza akawuyobora nk'uko biteganyijwe mu masezerano y'Arusha. **20min07sec**

Akaba yashimiye abashoboye kuhagera, ari abahagarariye ibihugu byabo n'Imiryango Mpuzamahanga ari n'abadepite bari baje, akaba abashimiye rwose kuba bihanganye kuba baje ee... gukurikirana uwo muhango udashoboye kuba e... aboneyeho no gusaba abataje yuko rwose twakora... buri wese yakora uko ashoboye kugira ngo yubahirize iby'u Rwanda rwiyemeje kugira ngo n'amahanga akomeze agirire igihugu cyacu icyizere. **21min02sec**

Uwo muhango rero twari dutegereje hano muri aya masaha ya nyuma ya saa sita, ntukibaye. Président wa Repubulika nyine kubera izo mpamvu, tumaze kuvuga yuko Président w'Urukiko rurinda Iremezo ry'Itegeko Nshinga adahari kandi biteganyijwe ko yagombye kuba ahari, amashyaka amwe akaba adahari, nka FPR, nka PSD, abandi bo... nka PL hari abaje, ee... MDR hari abaje, ee... PDC yo ntayivuze ubwo na we ntabuze abo babonye abashinzwe kubireba babonye baje. Uwo muhango rero nyine ntukibaye. Reka mpe bagenzi...
(Indicatif du journal parlé kinyarwanda) **21min07sec**

Orateur : NIZEYIMANA Jules, journaliste de Radio Rwanda.

Ncuti muteze amatwi Radiyo Rwanda mwiriweho? Ni umwanya w'amakuru mu kinyarwanda mugiye kugezwaho,

Orateur : HABIMANA Jean-Bosco, journaliste de Radio Rwanda.

Na HABIMANA Yohani Bosiko.

Orateur : NIZEYIMANA Jules, journaliste de Radio Rwanda.

Na Yuli NIZEYIMANA. HABIMANA Yohani Bosiko tugezeho ingingo z'ingenzi z'aya makuru.

Orateur : HABIMANA Jean-Bosco, journaliste de Radio Rwanda. 21min09sec

- Kuva uyu munsi tariki ya gatanu Mutarama igihugu cyacu kinjiye mu butegetsi bw'Inzibacyuho yaguye bwatangiranye n'irahira rya Président wa Repubulika, uretse ko ubwo butegetsi bwabimbuwe n'inzitizi zo kuba abazajya mu zindi nzego batabashije kurahira. Nk'urwego ry'Abadepite bazagira Inteko Ishinga Amategeko.

- Mu makuru avugwa ahandi, muri Angola imirwano hagati... (intemède musical)

Orateur : NIZEYIMANA Jules, journaliste de Radio Rwanda.

Nk'uko mumaze kubyumva mu ngingo z'ingenzi zigize aya makuru, uyu munsi tariki ya gatanu Mutarama igihumbi kimwe magana urwenda mirongo cyenda n'ine, u Rwanda rwinjiye mu butegetsi bw'Inzibacyuho yaguye. Twinjiranye muri ubwo butegetsi ibibazo byatewe n'uko gahunda y'irahira ry'Abadepite yari iteganyijwe nyuma ya saa sita mu ma saa cyenda yaje gusubikwa. Dore uko byagenze muri rusange:

- I saa yine n'igice nk'uko byasobanuwe na Président w'Urukiko rurinda Iremezo n'Ubusugire bw'Itegeko Nshinga KAVARUGANDA Yozefu, twinjiranye mu Nzibacyuho yaguye n'irahira rya Président wa Repubulika Jenerali Majoro HABYALIMANA Yuvenali yakoze uyu munsi, hakurikijwe ingingo ya gatandatu y'amate...geko.... y'amasezerano y'amahoro yashyizweho umukono Arusha muri Tanzaniya (Tanzanie), tariki ya kane Kanama umwaka ushize w'igihumbi kimwe magana urwenda mirongo cyenda n'itatu, Président wa Repubulika Jenerali Majoro HABYALIMANA Yuvenali yarahiriye imbere y'abagize Urukiko rurinda Iremezo n'Ubusugire bw'Itegeko Nshinga mu ngoro y'ahahoze hakorerwamo n'Inama y'igihugu Iharanira Amajyambere, CND ku Kimihurura.

Hari abanyacyubahiro benshi barimo intumwa yihariye y'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye Jacques Roger BOOH BOOH, Président w'Inama y'igihugu Iharanira Amajyambere SINDIKUBWABO Théodore, Ministre w'Intebe wa Guverinoma iriho Madame UWILINGIYIMANA Agata, na Ministre w'Intebe wa Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye TWAGIRAMUNGU Fawustini, abakandida Depite mu Nteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho yaguye, abanyamadini n'abahagarariye mu Rwanda ibihugu byabo. **23min08sec**

Président wa Repubulika Jenerali Majoro HABYALIMANA Yuvenali, yarahiye mu rurimi rw'igifaransa indahiro isobanura mu kinyarwanda uko tugiye kuyigezwaho na Président w'Urukiko rurinda Iremezo n'Ubusugire bw'Itegeko Nshinga KAVARUGANDA Yozefu.

Orateur : KAVARUGANDA Joseph, président de la Cour constitutionnelle.

Iyo ndahiro igenewe Président w'Inzibacyuho yaguye, nyir'ukuyi... nyir'ukuyiyemeza ari buvuge... ari buvuge ko we, mu izina ry'Imana ishobora byose arahiriye igihugu kandi ku mugaragaro ko azatunganya neza imirimo ye, ko atazahemukira Repubulika y'u Rwanda, ko azubaha inzego za Leta kandi agateza imbere inyungu z'igihugu yubahiriza Itegeko... Itegeko Nshingiro ndetse n'andi mategeko. Nyiyo indahiro y'Umukuru w'igihugu w'iyi Nzibacyuho tugiye gutangira. Araza kuyivuga mu magambo y'i... y'igifaransa kuko arahiye mu magambo y'ikinyarwanda atara... ataremejwe Arusha hari ababike... hari ababikeka ko ngo byaba bitameze neza, bidakurikije

amategeko.

Orateur : NIZEYIMANA Jules, journaliste de Radio Rwanda.

Uwo muhango w'irahira rya Président wa Repubulika urangiye, gahunda y'irahira rero ry'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho yari iteganyijwe kuba saa cyenda z'uyu munsi. Uwo muhango rero ntiwabaye, umuhango w'irahira ry'Abadepite ntiwabaye nk'uko byari biteganijwe, byabaye ngombwa ko Président wa Repubulika wagombaga kurahiza Abadepite bose awusubika kubera ko yageze aho umuhango wagombaga kubera agategereza bamwe mu Badepite ntibaze.

Mu Badepite rero bari bahari aho ku Kimihurura mu... ahahoze nyine hakorera Inama y'igihugu Iharanira Amajyambere, mu Badepite rero bari baje hari Abadepite:

- Ba MRND. **25min06sec**
- Abo ku ruhande rwa PL-MUGENZI.
- Uwa UDPR umwe.
- Uwa RTD umwe.
- Uwa PECO umwe.
- Uwa PARERWA.
- Uwa PADER umwe.
- Uwa MFBP umwe.
- Uwa PSR umwe.
- Uwa PDI umwe.
- N'uwa RAMARWANDA umwe.

Nubwo hari itangazo ryatanzwe na:

- Président w'ishyaka MDR, TWAGIRAMUNGU Fawustini.
- Président wa PSD, NZAMURAMBAHO Frederiko.

- Na Président wa PDC, NAYINZIRA Yohani Nepomuseni.
- Na Visi Président wa mbere w'ishyaka PL, Landuwaridi NDASINGWA, ribuza Abadepite b'ayo mashyaka kujya kurahira, hari Abadepite batanu ba MDR ari bo:

- NKEZABERA Yohani Mariya Viyani.
- RUHAMANYA Visenti.
- MATUNGURU Sylvestre.
- BICAMUMPAKA Jérôme.
- RUVUGAMA Cyrille.

Abo rero bari bagiyeyo.

Naho ku ruhande ry'ishyaka PDC hari batatu bari bagiyeyo ari bo:

- BISHIRANDORA Sylvère.
- Alipe NKUNDIYAREMYE.
- Na KAB ERA Thomas.

Abo rero ni abari bagiyeyo nubwo amashyaka bakomokamo yari yababujije. **26min08sec**
Abadepite ba FPR-Inkotanyi na bo ntabwo bari bagiye muri uwo muhango.

Président wa Repubulika amaze kubona ko Président w'Urukiko rurinda Iremezo n'Ubusugire bw'Itegeko Nshinga, KAVARUGANDA Yozefu atari yaje muri uwo muhango kandi ko hari Abadepite bagombaga kurahira batari bahari, yafashe icyemezo cyo gusubika uwo muhango kugeza igihe abo bantu bose bazabonekera. Akaba rero yiteguye e... kuzarahiza nyine Abadepite no kuzayobora nyine uwo muhango w'irahira ry'Abadepite nibaboneka bose.

Bagenzi bacu Yohani Fransisiko NSENGIYUMVA yaje kubaza Président w'Urukiko rurinda Iremezo n'Ubusugire bw'Itegeko Nshinga, KAVARUGANDA Yozefu impamvu atagiye nyine muri uwo muhango wari uteganyijwe kuba saa cyenda w'irahira ry'Abadepite, amusobanurira ko yabonye ibaruwa ya Ministre w'Intebe imubwira ko imihango yari iteganyijwe nyuma ee... y'ukwi... y'irahira rya Président wa Repubulika yigijweyo itakibaye.

K0150883

Impamvu zatumye Abadepite ba FPR bo batajya nyine aho bagombaga kurahira.. nk'uko byari biteganyijwe i saa cyenda, kugeza ubu ntitwashoboye kumenya iyo ari yo. (Intermède musical)...

28min03sec

Fin de la FACE A

FACE B

(Indicatif du journal parlé français) **00min04sec**

Orateur : Louise KAYIBANDA, journaliste de Radio Rwanda.

Pour commencer, les titres de cette édition.

- La grande tradition commençait ce mercredi avec la prestation de serment du président de la République n'a pas suivi son cours normal. Les cérémonies de prestation de serment des députés qui étaient prévues cet après-midi ont été ajournées.
- Jonathan How, représentant spécial de l'ONU en Somalie prône réconciliation... (intermède musical)

- Le Rwanda est entré aujourd'hui dans la grande transition élargie au FPR. Le coup d'envoi a été donné ce matin à 10 heures 30 précises par le président de la République Juvénal HABYALIMANA qui a prêté serment solennellement e... devant le drapeau national et devant la Cour constitutionnelle. Voici le serment du président Juvénal HABYALIMANA.

Orateur : HABYALIMANA Juvénal, président de la République rwandaise.

Moi, HABYALIMANA Juvénal, au nom du Dieu tout puissant, je jure solennellement à la nation de remplir loyalement mes fonctions, de garder fidélité à la République rwandaise, de respecter les instructions de l'Etat et de promouvoir les intérêts du peuple rwandais, dans le respect de la loi fondamentale et des autres lois. (Acclamations et applaudissement)

Orateur : Louise KAYIBANDA, journaliste de Radio Rwanda.

Plusieurs personnalités ont assisté à cette cérémonie. E... outre le président et les conseillers près la Cour constitutionnelle, on a noté la présence du représentant spécial du secrétaire général de l'ONU pour le Rwanda le docteur Jacques Roger BOOH BOOH, du corps diplomatique et

consulaire accrédité à Kigali, les membres du gouvernement sortant, les députés e...de la future Assemblée nationale de transition, mais aussi des représentants des forces morales et politiques du pays. La sécurité était assurée par les Forces de la MINUAR avec la collaboration de certains éléments de l'armée rwandaise et du FPR.

Après avoir prêté le serment, le chef de l'Etat devait recevoir le serment des députés l'Assemblée nationale de transition cet après-midi à 15 heures, et conformément au programme arrêté de commun accord hier à 18 heures au cours de l'audience qu'il accordée au premier ministre Agathe UWILINGIYIMANA. Ecoutez le chef de l'Etat.

Orateur : HABYALIMANA Juvénal, président de la République rwandaise.

La cérémonie de... prestation de serment par le président de la République telle qu'elle était prévue ce matin est ainsi clôturée, il reste encore pour aujourd'hui la cérémonie de prestation de serment des députés à l'Assemblée nationale de transition. E... comme je l'ai communiqué à madame le premier ministre, et comme nous nous sommes convenus hier dans l'audience que je lui ai accordée vers 18 heures dans mon bureau, cette cérémonie sera placée dans l'après-midi à 15 heures. Je vous invite donc pour cet après-midi à 15 heures dans la même salle ici, où je vais tel que prévu par les accord d'Arusha, je vais recevoir le serment des députés à l'Assemblée nationale de transition tels que présentés par les partis politiques et aussi procéder à l'élection du bureau. Je vous remercie. (Acclamation)

Orateur : Louise KAYIBANDA, journaliste de Radio Rwanda.

Comme promis, à l'issue de sa prestation de serment, ce matin le président de la République Juvénal HABYALIMANA s'est rendu cet après-midi au palais de l'Assemblée nationale pour diriger, conformément à l'article 7 du protocole sur les questions diverses et les dispositions finales, la cérémonie de prestation de serment des députés à l'Assemblée nationale de transition élargie au FPR.

Plusieurs personnalités avaient précédé le chef d'Etat rwandais dans la salle des plénières du parlement. On y remarquait notamment, le représentant spécial du secrétaire général des Nations unies, les membres du corps diplomatique et consulaire et un certain nombre des députés issus de certaines formations politiques.

Absence remarquable et remarquée cependant celle du président de la Cour constitutionnelle et pour cause, Joseph KAVARUGANDA devait être présent pour rendre possible la prestation de serment des députés. Etaient également absents les députés du FPR, du PSD, 6 députés du MDR, 1 député du PDC, et ceux du PL version Landouard NDASINGWA. Seuls étaient présents les députés appartenant au MRND, au PL version Justin MUGENZI, l'UDPR, RTD, PECO, pa... pare... PARERWA, PADER, MFBP, et PSR. Ba... malgré l'appel au boycott de cette cérémonie m... lancée par les présidents des partis MDR, PSD, PDC, PL, on a rema... remarqué la présence des députés NKEZABERA, RUHAMANYA, MATUNGURU, BICAMUMPAKA, RUVUGAMA du MDR ainsi que 3 députés appartenant au PDC.

Ayant fait ce constant, le président de la République a pris la décision d'ajourner la cérémonie de prestation de serment des députés et d'élection du bureau de l'Assemblée nationale de transition jusqu'à ce que toutes les personnalités concernées se disponibilisent. Voici les propos du président de la République.

Orateur : HABYALIMANA Juvénal, président de la République rwandaise.

Excellences mesdames et messieurs, je vous remercie de tout coeur d'avoir répondu à mon invitation. Je vous remercie d'être là. Comme je vous avais convié ce matin à cette cérémonie et spécialement que j'avais invité les premiers concernés. Mais je constate comme vous 2 choses: je constate que le président de la Cour constitutionnelle n'est pas là. Et je voudrais rappeler l'article 7, l'article 7 du protocole d'accord sur les questions diverses et dispositions finales, l'article 7 qui dit à son avant-dernier alinéa que "les députés à l'Assemblée nationale de transition prêtent serment devant le président de la République en présence du président de la Cour... de la Cour constitutionnelle". Cette disposition est... puisque le président de la Cour constitutionnelle n'est pas là, c'est de sour... cette disposition ne peut pas être remplie.

07min04sec

Je constate aussi en second point que.. aucun député du FPR n'est présent, ceux qui m'ont... ceux que j'ai... à qui j'ai demandé de contrôler les présences m'ont signalé cela, qu'aucun député du Front patriotique rwandais n'est présent dans la salle et qu'aucun député du Parti social démocrate, PSD, n'est présent. Cela s'ajoute aux motifs que je viens d'invoquer.. de l'absence du président de la Cour constitutionnelle, pour vous dire que.. il est de mon devoir d'ajourner cette séance, mais que je suis prêt à la reprendre aussitôt que les concernés seront là, c'est-à-dire les députés... les députés qui doivent prêter serment, et que les autorités visées à l'article 7 se seront rendues disponibles e... pour remplir le devoir qui leur incombe. Voilà donc, j'ajourne cette séance.

Je voudrais vous remercier à nouveau d'être là, je voudrais vous remercier de vous être dérangés, surtout je voudrais lan... lancer un... un appel spécialement à ces partis qui ne sont pas présents, mais aussi à la Communauté internationale s...principalement à nous... à nos amis qui nous ont accompagné à Arusha pendant une année... et plus... plus d'une année pour négocier cet accord de paix pour que réellement chacun fasse un effort réel et visible, et que la Communauté internationale puisse nous aider pour que le Rwanda puisse mettre en place les institutions de transition telles que... telles que prévues par l'accord d'Arusha. C'est-à-dire l'Assemblée nationale de transition d'abord, et le gouvernement de transition à base élargie ensuite.

Avec mes remerciements je vous souhaite une bonne soirée. Cette séance est donc ajournée pour les motifs que j'ai évoqués et je suis prêt à la reprendre dès que les difficultés que nous avons rencontrées aujourd'hui, que nous constatons ce soir, que ces difficultés se seront aplanies. Merci infiniment. (Applaudissement)

Orateur : KAYIBANDA Louise, journaliste de Radio Rwanda.

... puis de dire pourquoi il ne s'est pas présenté au palais du parlement pour permettre le déroulement de la cérémonie de prestation de serment des députés, le président de la Cour constitutionnelle a indiqué à notre confrère Jean-François NSENGIYUMVA qu'il avait reçu en

début d'après-midi une lettre du premier ministre lui signifiant que les cérémonies prévues après la prestation de serment du président de la République étaient reportées jusqu'à nouvel ordre. (Un bref silence) (Intermède musical)

11min00sec

(Indicatif du journal parlé kinyarwanda).

Orateur : NIZEYIMANA Jules, journaliste de Radio Rwanda.

Ncuti muteze amatwi Radiyo Rwanda mwongeye kwirirwa? Ni umwanya w'amakuru mu kinyarwanda, amakuru asoza ay'uyu munsi ku wa gatatu tariki eshanu Mutarama igihumbi kimwe magana urwenda mirongo cyenda n'ine, amakuru mugiye kugezwaho na Yuli NIZEYIMANA.

Uyu munsi tariki ya gatanu Mutarama igihumbi kimwe magana urwenda mirongo cyenda n'ine u Rwanda rwinjiye mu butegetsi bw'Inzibacyuho yaguye. Twinjiranye muri ubwo butegetsi ibibazo byerekeranye n'uko gahunda y'irahira ry'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho yari iteganijwe nyuma ya saa sita mu ma saa cyenda, yaje gusubikwa na Président wa Repubulika Jenerali Majoro HABYALIMANA Yuvenali, amaze kubona ko umubare w'Abadepite bagombaga kurahira utari wuzuye kandi na Président w'Urukiko rurinda Iremezo n'Ubusugire bw'Itegeko Nshinga na we atari yaje muri uwo muhango wari uteganijwe nyine nyuma ya saa sita.

Icyakozwe rero uyu munsi gusa nk'uko byari biteganijwe kuri gahunda y'itangizwa ry'ishyirwaho ry'inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye, ni irahira rya Président wa Repubulika Jenerali Majoro HABYALIMANA Yuvenali warahiye i saa yine n'igice imbere y'Urukiko rurinda Iremezo n'Ubusugire bw'Itegeko Nshinga mu ngoro y'ahahoze hakorerwamo n'Inama y'igihugu Iharanira Amajyambere, CND, ku Kimihurura.

Nyuma ya saa si... nyuma ya saa sita rero i saa cyenda hari hateganijwe irahira ry'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho yaguye. Uwo muhango ntiwabaye nk'uko byari biteganijwe, wasubitswe kubera ko hari habuze Abadepite b'ishyaka:

- PSD.
- Aba FPR-Inkotanyi.
- Hari kandi Abadepite bamwe bari badahari bo mu ishyaka MDR.
- Bamwe bo mu ishyaka PDC.

13min00sec

Ibyo byatewe n'uko mu ma saa sita hari itangazo ryatanzwe na:

- Président w'ishyaka MDR, TWAGIRAMUNGU Fawustini.
- Président w'ishyaka PSD, NZAMURAMBAHO Frederiko.
- Président w'ishyaka PDC, NAYINZIRA Yohani Nepomuseni.
- Na Visi Président wa mbere wa PL, Landuwaridi NDASINGWA, ribuza Abadepite b'ayo mashyaka kujya muri uwo muhango w'irahira wari uteganijwe nyine kuba saa cyenda.

Icyokora nubwo iryo tangazo ryatanzwe n'abayobozi b'ayo mashyaka, bagenzi bacu bakurikiranye uwo muhango wari uteganijwe nyine kuba bashoboye kubona ko hari Abadepite batanu bo mu ishyaka MDR bari bagiye muri uwo muhango wasubitswe ari bo:

- NKEZABERA Yohani Mariya Viyani.
- MATUNGURU Sylvestre.
- BICAMUMPAKA Jérôme.
- RUVUGAMA Cyrille.
- Na RUHAMANYA Visenti.

Naho mu ishyaka PDC abari bagiyeyo ni:

- BISHIRANDORA Sylvère.
- NKUNDIYAREMYE Alipe.
- Na RUBERANDINDA.

Aha twabibutsa ko KABERA Tomasi bari bavuze mu makuru ya saa moya ko yari ahari, yaje

kudutelefona nyuma akatubwira ko atigeze ajyayo. Bagenzi bacu rero bakurikiranaga uwo muhango bakaba bari bamwibeshyeho ntiyigeze ajyayo. Undi mu makuru ya saa moya bari bavuze ko yari yo ariko atigeze ajyayo ni Umudepite w'ishyaka PDI.

Mu Badepite bari bagiye muri uwo muhango w'irahira utashoboye nyine kuba ni:

- Abadepite b'ishyaka MRND.
- Abadepite bo ku ruhande rwa PL-MUGENZI.
- Umudepite w'ishyaka UDPR.
- Uw'ishyaka RTD.
- Uwa PECO.
- Uwa PARERWA.
- Uwa PADER.
- N'uwa MFBP.
- N'uwa PSR.

Président wa Repubulika yafashe icyemezo cyo gusubika uwo muhango mu ma saa kumi, kubera izo mpamvu avuga ko igihe abo bantu bose bazaboneka yiteguye kuzayobora umuhango wo kurahira nibaboneka bose. Nyuma y'aho twabajije impamvu Président w'Urukiko rurinda Iremezo e... n'Ubusugire bw'Itegeko Nshinga atabonetse muri uwo muhango wari uteganijwe kuba saa cyenda, avuga ko yabonye ibaruwa ya Ministre w'Intebe Madame UWILINGIYIMANA Agata imubwira ko imihango yari iteganijwe nyuma y'irahira rya Président wa Repubulika yigijweyo itakibaye.

Naho impamvu zatumye Abadepite ba FPR-Inkotanyi babura muri uwo muhango wasubitswe ntitwashoboye kumenya izo ari zo.

Na none mu makuru y'u Rwanda mu nzu ya Perefegitura y'Umujyi wa Kigali guhera saa kumi Umuryango w'ARBEF wakoresheje tombola ye... yawo imbere ya Notaire KABALIRA Clément. Nimero zatomboye rero ibihembo bya mbere ni izi zikurikira:

- Nimero mirongo itatu na karindwi icumi na karindwi, yatomboye ibihumbi magana atanu by'amafaranga y'u Rwanda.
- Nimero mirongo itatu n'imwe mirongo irindwi umunani, yatomboye televiziyo na bateri yayo.
- Nimero makumyabiri n'eshanu mirongo itandatu na gatanu rimwe, yatomboye amabati mirongo inani.
- Nimero zeru rimwe cumi n'umunani kabiri, yatomboye minerivali y'umwaka wose ingana n'amafaranga ibihumbi mirongo itandatu by'amafaranga y'u Rwanda.
- Nimero mirongo itatu n'indwi mirongo itandatu na gatandatu rimwe, yatomboye imashini idoda.

Ibihembo ijana na mirongo itatu na bibiri ni byo byatanzwe. Muri byo harimo :

- Amagare y'abakuru n'abana.
- Amaradiyo cassettes.
- Amagodola.
- Ibitenge bya UTEXRWA.
- Amasafuriya.
- Amashati.
- Amatabi.
- Ndetse n'udukingirizo, protectors amapaki n'amapaki. (Bourdonnement)...

... ko ibihembo byabo kuri ARBEF ku Muhima munzu ya RUBANGURA Uzzuel. ARBEF kandi irashimira abayifashije bose kugira ngo iyo tombola igende neza.

(Indicatif du journal parlé kinyarwanda).

Orateur : UWIHOREYE Emmanuel, journaliste de Radio Rwanda.

Ncuti muteze amatwi Radiyo Rwanda mwaramutse neza? Turi ku wa kane tariki esheshatu Mutarama. Ni isaha y'amakuru mu kinyarwanda agizwe n'izi ngingo z'ingenzi:

- Ministre w'Intebe wa Guverinoma iriho ubu, Madamu UWILINGIYIMANA Agata aravuga ko yiteguye gukomeza kugirana imishyikirano na Président wa Repubulika Jenerali Majoro HABYALIMANA Yuvenali, kugira ngo inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye zijyeho.
- Muri Repubulika y'Afurika... (intermède musical).

Ministre w'Intebe wa Guverinoma iriho ubu, Madamu UWILINGIYIMANA Agata aravuga ko yiteguye gukomeza kugirana imishyikirano na Président wa Repubulika Jenerali Majoro HABYALIMANA Yuvenali, kugira ngo inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye zijyeho. Yavugiye ibyo mu ijambo tugiye guhita tubagezaho.

Orateur : UWILINGIYIMANA Agata, premier ministre. 18min03sec

Banyarwanda, Banyarwandakazi, nk'uko mwari mwabimenyeshejwe inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye zagombaga kujyaho uyu munsi tariki ya gatanu Mutarama igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane. Kuri gahunda y'ibyagombaga gukorwa hari hateganyijwe ibi bikurikira:

- Icya mbere: irahira rya Président wa Repubulika.
- Icya kabiri: irahira ry'Abadepite bagize Inteko Ishinga Amategeko no gutora Bureau y'Inteko Ishinga Amategeko.
- Icya gatatu: irahira rya Ministre w'Intebe n'"Abaministre" bagize Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye.

Ariko ibyo ntibyashobotse kuko Président wa Repubulika amaze kurahira yamenyesheje abari aho ko harahira Abadepite bonyine saa cyenda nyuma ya saa sita. Ibyerekeye kurahiza Abaminisitiri ntacyo yabitangajeho, ntiyigeze ateganya n'undi munsi iyo mihango yaberaho. Nyamara mu ibaruwa Président wa Repubulika yanyandikiye tariki ya gatatu Mutarama igihumbi kimwe magana cyenda na mirongo icyenda na kane, ifite nomero zeru zeru rimwe akarongo zeru rimwe akadomo icumi, yansabaga gukora ibishoboka byose kugira ngo iyo mihango yo gushyiraho inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye itungane. Muri urwo rwego, namwandikiye ibaruwa

nomero zeru zeru umunani akarongo zeru kabiri akadomo zeru yo ku wa kane Mutarama igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane, mugezaho gahunda yose y'uko imihango izakurikirana nk'uko nabivuze haruguru.

Amashyaka MDR, PSD, PDC na PL amaze kubona ko Président wa Repubulika yivanze mu mirimo ubusanzwe ishinzwe Guverinoma iriho ubu, kandi mu by'ukuri akaba anata... (une brève interruption par le coup de téléphone) ...iye ishyirwaho rya Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye, yiyemeje kutajya mu muhango wo kurahiza Abadepite. Nanjye ubwanjye maze kubona ko iby'ayo mashyaka avuga bifite ishingiro, niyemeje kutajya muri uwo muhango wo kurahiza Abadepite bake bari babyitabiriye. Abenshi banze kujyayo. **21min00sec**

Ikindi cyababaje na none, ni ukubona abasirikare bashinzwe kurinda Président wa Repubilika baca inyuma abasirikare ba Loni bakambura Abadepite b'ishyaka PL amakarita abatumira, bityo ntibashobore kwinjira mu cyumba inama yaberagamo.

Nsabye rero Abanyarwanda bose kwihanganira ibyabaye uyu munsi. Guverinoma nyoboye yakoze ibishoboka byose. Ibyo ari byo byose twiyemeje gukomeza kugirana imishyikirano na Président wa Repubulika, kugira ngo inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye zijyeho bidatinze. Murakoze.

Orateur : UWIHOREYE Emmanuel, journaliste de Radio Rwanda.

Tubibutse ko uko ibintu bimeze kose, kuva ejo turi mu butegetsi bw'Inzibacyuho yaguye ubwo Président wa Repubulika Jenerali Majoro HABYALIMANA Yuvenali yamaraga kurahira. Président wa Repubulika na we yaraye avuze ko azarahiza Abadepite bagomba kugira Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho yaguye, igihe cyose bazabonekera. (Intermède musical).

(Indicatif du journal parlé français)

Orateur : MURUTAMPUNZI Boniface, journaliste de Radio Rwanda.

22min04sec

- Bonjour à tous et voyons tout d'abord les titres de cette édition matinale. La cérémonie de prestation de serment des députés de la future Assemblée nationale de transition a été reportée sine die. Le premier mi... ministre dénonce à ce sujet un blocage de la part de la présidence de la République.

- Afrique du sud... (intermède musical)

La cérémonie de prestation de serment des députés ainsi que l'élection du bureau de l'Assemblée nationale de transition est reportée sine die. Le déroulement normal de la cérémonie a été e... rendu impossible par l'absence du président de la Cour constitutionnelle Joseph KAVARUGANDA, du premier ministre sortant et du premier ministre désigné.

A l'appel des partis:

- MDR version Faustin TWAGIRAMUNGU.
- PL version Landouard NDASINGWA.
- PSD.
- PDC.
- Un certain nombre de députés qui devaient prêter serment devant le chef de l'Etat conformément à l'article 7 du protocole sur les questions diverses et les dispositions finales, ont brillé par leur absence. Par contre avaient répondu à l'invitation du président de la République, le représentant spécial du secrétaire général de l'ONU Jacques Roger BOOH BOOH, les membres du corps diplomatique et consulaire et quelques députés issus de certaines formations politiques.

Après avoir fait son constat, le chef de l'Etat a remercié ceux qui avaient répondu à son invitation et a lancé un appel à tous les partis concernés pour qu'ils fassent réellement un effort afin que le Rwanda puisse mettre en place ces institutions de transition.

Le Président Juvénal HABYALIMANA a promis de réorganiser la cérémonie dès que toutes le personnalités indiquées se seront disponibilisées. Dans sa réaction à ce report, le premier ministre madame Agathe UWILINGIYIMANA dénonce un blocage de la part du président de la République. Ecoutez ses propos. **24min02sec**

Orateur : UWILINGIYIMANA Agathe, premier ministre.

Rwandaises, Rwandais, amis du Rwanda. Comme il avait été porté à votre connaissance, les cérémonies de mise en place des institutions de la transition étaient prévues ce 5 janvier 1994. Il s'agissait de la prestation de serment par Son Excellence le président de la République, de la prestation de serment d... des députés à l'Assemblée nationale de transition et l'élection du bureau de l'Assemblée nationale.

Il s'agissait également, de la prestation de serment par le premier ministre et son équipe du gouvernement de transition à ba... (une brève interruption par un coup de téléphone)...rgie. Ce programme n'a pas pu être réalisé car le président de la République, après avoir prêté serment, a décidé que seuls les députés allaient prêter serment à 15 heures. Alors que dans sa lettre numéro 001/01.10 datée du 3 janvier 1994, le directeur de cabinet à la présidence de la République m'avait demandé de tout mettre en oeuvre pour que toutes les cérémonies puissent se dérouler dans de bonnes conditions. C'est dans ce cadre que ma lettre numéro 008/02.0 du 4 janvier 1994, lui faisait part des dispositions prises et du calendrier établi pour ces cérémonies.

Les partis MDR, PSD, PDC et PL, après avoir constaté que le président de la République s'arroge les compétences habituellement dévolues au gouvernement actuel et que de ce fait il constituait un blocage à la mise en place du gouvernement de transition à base élargie, ont décidé de ne pas participer à la séance de prestation de serment par les députés.

Pour ma part, compte tenu de la pertinence de la position de ces partis, j'ai décidé de ne pas y assister d'autant plus que le nombre des députés qui y ont pris part était fort insuffisant. Il est par ailleurs regrettable que des éléments de la garde présidentielle aient empêché les députés ...du

parti PL d'accéder à la salle des cérémonies. **26min09sec**

En tout état de cause, mon gouvernement va continuer à maintenir les contacts avec le président de la République pour que toutes les institutions de la transition puissent être mises en place sans tarder.

Aussi, je demande instamment à tous les Rwandais de garder leur patience comme i... ils n'ont jamais cessé de le prouver. Je vous remercie. **27min03sec**

Orateur : MURUTAMPUNZI Boniface, journaliste de Radio Rwanda.

Actualité... **27min04sec**

Fin de la FACE B